MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI

No Special Mutarama-Gashyantare2016



## ABAGIZE INAMA RUSANGE BASHIMYE IBYAVUYE MU ITORA RYA REFERENDUMU

Iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. NYIRAHIRWA Veneranda kuwa kane, tariki ya 14 Mutarama 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateraniye ku Kacyiru aho Ihuriro rikorera

Mu byagombaga kwigwaho harimo kugezwaho Raporo y'indorerezi z'Ihuriro ku itora rya Referendumu ryo kuwa 18/12/2015 n'imyiteguro ku matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye, harimo kandi kungurana Ibitekerezo ku mirongo migari izashingirwaho mu gutegura gahunda y'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka itanu iri imbere (*NFPO Strategic Planning: July 2016 – June 2021).*



*Umuvugi w'Ihuriro (Hagati), Umuvugizi Wumgirije n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro*

Kuri Raporo y'indorerezi ku Itora rya Referendumu ryo kuwa 18/12/2015, abagize Inama Rusange bashimye ko iri Tora rya Referendumu ryakozwe neza mu Gihugu hose, haba mu bikorwa byo kuritegura, ndetse no mu gihe cy'itora nyirizina.

Iyi Nama Rusange yishimiye intambwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imaze kugeraho mu gutegura no kuyobora amatora mu Rwanda; inashima uko iri Tora rya Referendumu ryitabiriwe n'abaturage benshi kandi batoye mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure ndetse bakaba baranishimiye n'ibyarivuyemo.



*Abagize Inama Rusange y'Ihuriro*

Bungurana ibitekerezo ku myiteguro ku matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye; Inama Rusange yemeje ko Ihuriro rikomeza ibikorwa by'imyiteguro bijyanye no gutegura indorerezi zizakurikirana aya matora.

Inama Rusange yemeje imirongo migari ya Gahunda y'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro by'imyaka itanu iri imbere (NFPO Strategic Planning: July 2016 – June 2021) isaba ko inyandiko y'iri genamigambi ikomeza kunozwa kandi n'Imitwe ya politiki ikabigiramo uruhare.

## ABASHINZWE IMBUGA ZA INTERINETI MU MITWE YA POLITIKI BARAHUGUWE

Kuri wa gatatu tariki ya 10 Gashyantare 2016, ku biro by'Ihuriro, habereye amahugurwa k'ubuhanga bwo gucunga, gukoresha no gukurikirana imbuga za Interineti z'Imitwe ya politiki ; amahugurwa yitabiriwe n'abashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki/Web Administrators.

Atangiza aya mahugurwa, Visi Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo Madamu NKURUNZIZA Aline yavuze ko intego nyamukuru y'aya mahugurwa ari ukurebera hamwe uko imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki zaba umuyoboro w'amakuru amenyekanisha Imitwe ya politiki. Abwira aba bazishinzwe umunsi ku wundi ko kugira ngo babigeraho ari uko izo mbuga zikora neza, zigashyirwaho amakuru mashya buri gihe kandi zigakurikiranwa n'ababifitiye uburenganzira gusa mu rwego rwo kurinda umutekano wazo

Yababwiye kandi ko aya mahugurwa ari muri Gahunda y'Ihuriro yo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki; kuko ikoreshwa rya interineti ritagomba gusigara inyuma nk'uburyo bugezweho muri iki gihe bufasha Imitwe ya politiki kumenyekanisha gahunda n'ibikorwa byayo bya buri munsi cyangwa iby'igihe kirekire, gukusanya ibitekerezo biva mu bayoboke bayo, gushaka abayoboke, gushaka inkunga, n'ibindi byagira uruhare mu iterambere ry'Umutwe wa politiki.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yijeje abitabiriye aya mahugurwa gukomeza kubaka ubushobozi bw'abakoresha izi mbuga dore ko aya mahugurwa aje akurikira amahugurwa ku kamaro ko gukoresha imbuga nkoranyambaga yari agenewe abayobozi bakuru b'Imitwe ya Politiki; Amahugurwa k'ubuhanga mu kugenzura imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki (Web Aministrator) , gutegura inkuru (Web and news Editor), kuzitangaza no kuzihindura bibaye ngombwa (Web master); Amahugurwa yabaye muri Kanama 2011, yari agamije kwigisha abayitabiriye uburyo bwo gutegura inkuru ya politiki, kuyishyira ku rubuga rwa interineti no gucunga neza urubuga rwa interineti rw'Umutwe wa politiki n'amahugurwa ku kamaro k'Imbuga nkoranyambaga n'uburyo zikoreshwa nka rimwe mu masomo ahabwa urubyiruko rukurikirana amasomo mu bya politiki n'Imiyoborere ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki/YPLA.

## DELEGASIYO YATURUTSE MURI MALAWI YASOBANURIWE UKO IHAME RY'UBURINGANIRE RYUBAHIRIZWA MU IHURIRO

Mu rugendoshuri rwakozwe na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko yo mu Gihugu cya Malawi, kuwa 10 Gashyantare 2016 basuye Ihuriro mu rwego rwo kureba uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu ihuriro no mu Mitwe ya Politiki irigize

Mu gutangira, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald wakiriye iyi delegasiyo, yababwiye ko mu bikorwa byose by'Ihuriro, ihame ry'uburinganire ryubahirizwa, haba ku bitabira Inama Rusange aho buri Mutwe wa politiki ugena nibura abagore babiri bari mu buyobozi bukuru b'Umutwe wa politiki bagomba



*Abagize Delegasiyo yo Malawi basobanurirwa imikorere y'Ihuriro*

kwitabira iyo nama, haba abagize Biro y'Ihuriro aho nibura muri babiri bayigize, umwe agomba kuba ari umugore, haba abagize Komisiyo, haba yewe n'abitabira amahugurwa ategurwa naryo nibura ½ cyabo bagomba kuba ari abagore.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yakomeje asobanurira iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa.

Ku bijyanye n'uburyo abasenateri bagenwa n'Ihuriro batorwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yababwiye ko Ihuriro rigena abasenateri bane baturuka mu Mitwe ya politiki itandukanye, nibura babiri muri bo akaba ari abagore. Ubu batatu muri bo ni abagore .

Mu bibazo babajije ku bijyanye n'aho Ihuriro rikura ingengo y'imari; Umunyamabanga Nshingwabikorwa yababwiye ko ingengo y'imari ikoreshwa n'Ihuriro iva ku ngengo y'imari ya Leta itangwa nk'inkunga andi agatangwa n'abafatanyabikorwa baryo.

Yakomeje abasobanurira Imitwe ya politiki yose ihabwa amafranga angana, mu rwego rwo gutera inkunga amahugurwa yo kongera ubushobozi abayoboke bayo.

Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kujya mu Ihuriro ari ubushake, Umutwe wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo. Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komite ishinzwe gukurikirana imyitwarire y'abanyapolitiki bari mu Mitwe ya Politiki no kugira uruhare mu kubunga igihe abaye impaka hifashishijwe Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ndetse n'Indangamyitwarire (Code d'Ethique) y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ariko mu gihe babisabye Ihuriro mu nyandiko.

Uyoboye iyi Delegasiyo Hon. Cecilia Emely yabwiye abari muri ibi biganiro ko n'ubwo urubuga rw'Imitwe ya politiki rw'iwabo rudakora nk'urwo mu Rwanda, ariko nabo bafite aho bahurira bakaganira bakanubaka n'ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu Gihugu cyabo

Yagize ati "Turabona ko Ihuriro ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda rifasha mu bwumvikane busesuye biciye kandi mu bwubahane bw'Imitwe ya politiki, gusangira ubutegetsi no guteza imbere ubumwe bw'Igihugu.

Ati "Ibi mutubwiye ni nabyo twabwiwe na Peresidante w'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite ubwo twasuraga iyo Nteko ku munsi w'ejo, bigaragara ko aya ari amahame aganisha Igihugu cy'u Rwanda aheza."



## INDOREREZI Z'IHURIRO ZASHIMYE UBURYO MATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE YETEGUWE

Tariki ya 22 Gashyantare 2016, Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye Amatora y'Abajyanama Rusange n'ay'Abakandida b'Abagore bavamo 30% bajya mu Nama Njyanama y'Akarere; zikurikirana kandi Amatora y'abayobozi b'Ibyiciro byihariye yabaye tariki ya 04 Werurwe 2016 ku rwego rw'Igihugu.

Ibi byabaye ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, aho Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu Turere twose tw'Igihugu, Indorerezi ijana (100) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, kugira ngo zikurikirane ibikorwa by'imyiteguro n'amatora nyirizina y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ay'abayobozi b'Ibyiciro byihariye ku rwego rw'Igihugu yabaye muri Gashyantare na Werurwe 2016.

Mu nama yahuje abayobozi b'amatsinda n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro kuri uyu wa gatandatu tariki ya 05/03/2016 ngo barebere hamwe uko iki gikorwa cy'amatora cyagenze, banategure itangazo rigenewe ibitangazamakuru, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yibukije ko iyo indorerezi z'Ihuriri zigiye mu gikorwa nk'icyi zihabwa ubutumwa bwo kureba uko igikorwa cy'imyiteguro kuri za "sites" z'amatora gikorwa; uko amatora yitabiriwe; uburyo Amatora nyirizina yakozwe; uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'abatora; zikanareba muri rusange ibijyanye n'umutekano n'ituze byaranze amatora.

Bungurana ibitekerezo, abitabiriye iyi nama bavuze ko kuwa 21 Gashyantare 2016 bakurikiranye ibikorwa by'imyiteguro y'Amatora y'Abajyanama Rusange n'ay'Abakandida b'Abagore bavamo 30% bajya mu Nama Njyanama y'Akarere, naho tariki ya 22 Gashyantare 2016 bakurikirana imigendekere y'amatora nyirizina mu Gihugu hose.

Bavuga ku matora y'Abajyanama Rusange n'ay'Abakandida b'abagore bavamo 30% bajya mu Nama Njyanama y'Akarere, yabaye ku itariki ya 22/02/2016, ndetse n'amatora y'Ibyiciro byihariye ku rwego rw'Igihugu yabaye tariki ya 04 Werurwe 2016; Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yatangiriye igihe, abantu batoye mu mucyo, mu bwisanzure no mu mutekano. Bavuga kandi ko nk'uko bisanzwe abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bagaragaje umurava n'ubwitange mu migendekere myiza y'igikorwa cy'amatora.

Muri iki gikorwa cy'itora ariko izi ndorerezi zavuze ko kuri site zimwe na zimwe zasuwe, hagaragaye Abanyarwanda bake batashoboye gutora ku mpamvu zijyanye ahanini no kutagira ibyangombwa byose bisabwa.

Muri iyi nama, abayobozi b'amatsinda y'indorerezi z'Ihuriro bashimye uburyo aya matora yeteguwe neza, ubwitabire bwayaranze, ndetse n'uburyo ibyayavuyemo byakiriwe neza n'Abanyarwanda. Izi ndorerezi zashimye kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Inzego zindi zitandukanye zagize uruhare mu migendekere myiza yayo.

Umunyamabanga Nshingwabikowa w'Ihuriro yasoje inama yizeza izi ndorerezi ko ku mbogamizi zagaraje ngo iki gikorwa kijye kigenda neza, zizitabwaho mu gutera ubutumwa bw'indorerezi mu matora ataha cyane cyane ibijyanye n'imyambaro iranga Indorerezi z'Ihuriro iriho n'ibirango byaryo no gutegura amahugurwa agenewe indorerezi z'Ihuriro ku myitwarire igomba kuziranga mu gihe cyo gukurikirana imigendekere y'amatoro.